EAS 456:2007
ICS 67.020

AMABWIRIZA Y'UBUZIRANENGE MURI AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA

Amabwiriza y'Ubuziranenge ku bikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere

UMURYANGO W'IBIHUGU BYO MURI AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA

© EAC 2007 – Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi Edisiyo ya mberere 2007

IJAMBO RY'IBANZE

Gushyiraho amabwiriza y'ubuziranenge muri Afurika y'Iburasirazuba byatewe n'uko byabaye ngombwa ko hahuzwa uburyo bw'imitunganyirize y'ibintu n'itangwa ry'amaserivisi muri Afurika y 'Iburasirazuba. Hateganywa ko igihe amabwiriza y'ubuziranenge azaba amaze kuvugwaho rumwe, hazavaho inzitizi zajyaga zigaragara mu guhererekanya ibintu na za serivisi hagati y'ibihugu bigize uwo muryango.

Mu rwego rwo kugera kuri iyi ntego, Leta z'ibihugu bigize uyu muryango, zibinyujije mu bigo byabyo bitsura ubuziranenge, hashyizweho Inama y'Ubuziranenge muri Afurika y'Iburasirazuba.

Iyo Nama igizwe n'abahagarariye Ibigo Bitsura Ubuziranenge bafite aho bahurira n'aya mabwiriza bo mu bihugu bigize uwo muryango, hamwe n'abahagarariye abikorera ku giti cyabo ndetse n'imiryango irengera abaguzi. Imbanzirizamushinga y'amabwiriza y'ubuziranenge muri Afurika y'Iburasirazuba inyuzwa mu bantu bose barebwa na yo (stakeholders) binyujijwe mu bigo bitsura ubuziranenge bya leta zigize umuryango. Ibitekerezo bivuyemo bigibwaho impaka kandi byinjizwa mu mabwiriza mbere y'uko anononsorwa mu buryo butanyuranije n'imikorere y'umuryango.

Amabwiriza y'ubuziranenge yo muri Afurika y'Iburasirazuba agomba kuvugururwa kugira ngo ahuze n'iterambere mu by'ikoranabuhanga. Bityo rero abakoresha amabwiriza y'ubuziranenge muri Afurika y'Iburasirazuba basabwa kwitwararika buri gihe bakagenzura ko bari gukurikiza amabwiriza y'ubuziranenge agendanye n'igihe.

© Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu byo muri Afurika y'Iburasirazuba 2007 — Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi*

East African Community

P O Box 1096

Arusha

Tanzania

Tel: 255 27 2504253/8

Fax: 255-27-2504481/2504255

E-Mail: eac@eachq.org

Web: www.each.int

* © 2007 EAC — Uburenganzira bwose bujyanye no gukoresha iyi nyandiko hakoreshejwe imisusire iyo ari yo yose n'uburyo ubwo aribwo bwose bwihariwe ku isi yose n'Ibiro bya buri gihugu kigize EAC gishinzwe Ubuziranenge.

IRIBURIRO

Amateka, umuco n'imigenzo myiza y'umuryango muri Afurika y' Iburasirazuba byashinze imizi cyane mu buhinzi. Ni yo soko ikomeye y'imibereho ya za miliyoni z'abaturage b'ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba. Imicungire irambye y'uburyo bwo kubyaza ubuhinzi umusaruro ni ngombwa cyane mu rwego rwo kubungabunga urusobe rw'ibinybuzima.

Ubuhinzi-mwimerere (organic agriculture) ni uburyo busesuye bw'imicungire y'umusaruro uturuka ku buhinzi buteza imbere kandi bukarengera ubuzima bw'ibihingwa, butaretse urusobe rw'ibinyabuzima, ingarukabihe y'imyororokere y'ibinyabuzima n'imirimo ngengabuzima ikorerwa ku butaka. Ibyo birasaba kugabanya cyane gukoresha inyongeramusaruro, hirindwa gukoresha imiti, amafumbire n'imiti yica udukoko bidakoze mu buryo bw'umwimerere, hagamijwe cyane kubungabunga ubuzima no kongera umusaruro ukomoka ku butaka, ku bimera, ku nyamaswa no ku bantu. Bushingiye ahanini ku murage ukungahaye w'ubumenyi gakondo buhujwe n'ubumenyi, ikoranabuhanga n'ubumenyingiro bigezweho.

Intego z'ubuhinzi-bworozi-mwimerere zikubiye mu mahame ane y'ubuzima, ibidukikije, ukuri no kwita ku nshingano zawe zo shingiro ry'ubwo buhinzi n'ubworozi ku isi yose. Reba umugereka A.

Amabwiriza agenga ibikomoka ku buhinzi-bworozi-mwimerere muri Afurika y'Iburasirazuba yandikiwe gutanga umurongo ngenderwaho ku bijyanye n'ibyazamusaruro-mwimerere muri Afurika y'Iburasirazuba kandi yahujwe n'imiterere y'ako karere. Ikigamijwe ni ukugira amabwiriza amwe agenga umusaruro ukomoka kuri buriya buhinzi hitawe ku miterere y'Afurika y'Iburasurazuba.

Amabwiriza agenga ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere muri Afurika y'Iburasirazuba yashingiye ku mabwiriza y'ubuziranenge agenga ubuhinzi n'ubworozi nk'uko asanzwe akurikizwa mu karere ndetse no ku mahame shingiro ya IFOAM na Codex Alimentarius agenga umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi, kuwutunganya, ishyirwaho ry'ibirango n'imicururize y'ibiribwa bibukomokaho.

Amabwiriza agenga ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere muri Afurika y'Iburasirazuba ashobora gukoreshwa n'abakora ibintu mu rwego rwo kwisuzuma no kwemeza ko bihuje n'ibikenewe ku isoko, ashobora kandi kwifashishwa n'ibigo bitanga ibyangombwa by'ubuziranenge mu karere. Igihe aya mabwiriza yifashishijwe n'ikigo kigenga gitanga ibyemezo by'ubuziranenge bizasaba igenzura rishingiye ku mabwiriza mpuzamahanga nka ya ISO, GUIDE 65 cyangwa IFOAM Accreditation Criteria. Niba kwemera gukurikiza aya mabwiriza bishobora kugaragazwa ku bundi buryo, ubwo buryo bugomba kubahiriza amahame y'ubushobozi, ubunyangamugayo no gukorera mu mucyo.

Amabwiriza agenga ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere agamije guteza imbere umusaruro n'ubucuruzi bw'ibikomoka kuri ubwo buhinzi n'ubworozi muri Afurika y'Iburasirazuba. Aya mabwiriza ashobora kuba urubuga rwo gushyiraho ikirango kimwe ku bikomoka kuri buriya buhinzi n'ubworozi mu karere ka Afurika y'Iburasirazuba no kurushaho guha icyizere abaguzi. Amabwiriza agenga ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere ashyiraho ingingo ngenderwaho zishobora kwifashishwa mu mishyikirano mpuzamahanga ku yandi bwiriza. Rishobora kandi kuba ishyingiro ry'amasezerano yumvikanyweho ahuriweho n'ibindi bihugu n'utundi turere.

Amabwiriza agenga ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere muri Afurika y'Iburasirazuba yanditswe ku buryo uyasoma n'uyakoresha bimworohera kuyabona no kuyumva. Kubera ko ubuhinzi - mwimerere bukeneye guhuzwa n'imiterere ya buri karere, amabwiriza akozwe ku buryo adategeka byose. Aya mabwiriza areba umusaruro uva ku bimera, ku bworozi, ku buvumvu, ku bidukikije n'ibibikomokaho hatitawe ku byo byateganyijwe kubyazwamo. Mu bihe biri imbere hari n'ibindi bikorwa bizagenda byongerwamo uko bizagenda bigaragara ko bikenewe.

© EAC 2007 – Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi

Kubera ko ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere ari ikintu gihora kivugururwa (dynamique), kandi n'abantu bakaba bahora biyungura ubumenyi bushya, aya mabwiriza azagenda avugururwa uko bibaye ngombwa kugira ngo hinjizwemo ubumenyi bushya. Kuyavugururа hazifashishwa abo bireba bose**.**

© EAC 2007 – Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi

IBIRIMO **Page**

1. Aho ambwiriza agarukira 1
2. Andi mabwiriza yagendeweho 1
3. Amagambo yakoreshejwe n'ibisobanuro byayo 1
4. Ibisabwa mu buhinzi n'ubworozi-mwimerere 4
4.1. Muri rusange 4
4.2. Inyandiko no gukorera mu mucyo 4
4.3. Ubwandu 4
4.4. Ibinyabuzima byahinduriwe intangakamere (GMOs) 5
4.5. Uburenganzira bw'umukozi 5
4.6. Kubahiriza amategeko ya ngombwa 5
4.7. Ubumenyi ku bijyanye n'umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere 5
5. Ubuhinzi 6
5.1. Igihe cy'ihindura n'ibisabwa 6
5.2. Guhindura imirima no kubangikanya ibihingwa. 6
5.3 Urusobe rw'ibinyabuzima 6
5.4. Uburyo bunyuranye bwo guhinga 6
5.5. Gufata neza ubutaka n'amazi harimo no kurwanya isuri 7
5.6. Gucunga imirumbukire y'ubutaka 7
5.7. Kurwanya ibyonnyi, indwara n'ibyatsi byonona ibihingwa 7
5.8. Imbuto, ingemwe n'ibikoresho by'ubuhinzi 8
5.9. Ubuhinzi bw'ibihumyo 8
5.10. Ubwandu 8
5.11. Amatungo akoreshwa mu buhinzi 8
6. Ubworozi bw'amatungo 8
6.1. Igihe cy'ihindura ry'amatungo yizanywe mu ishyo giteye gitya: 8
6.2. Ubworozi bubangikanyije 9
6.3. Imicungirwe y'amatungo 9
6.4 Imyororokere 10
6.5 Guca ibice by'umubiri 10
6.6 Ibiryo by'amatungo 10
6.7 Kurwanya indiririzi n'indwara 11
6.8 Gutwara amatungo no kuyabaga 11
7. Ubuvumvu 12
7.1 Guhindura no kwimura inzuki n'amarumbo yazo 12
7.2 Uruvumvu n'aho rukwiye kubakwa 12
7.3. Ibyo kurya 12
7.4. Ibikorwa mu buvumvu 12
7.5. Guhakura 13
8. Gusoroma imbuto zo mu gasozi 13
9 Guhunika no gutunganya umusaruro 13
9.1 Gutandukanya 13
9.2 Ibigize ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere 13
9.3 Ikoranabuhanga 14
9.4 Ibyifashishwa n'ibyongerwamo. 14
9.5 Gukungahaza indyo 14
9.6 Ibipfunyikwamo ibiribwa 14
9.7 Isuku no kurwanya udukoko dutera indwara 14
10. Ibirango 15
Umugereka wa A (Mu rwego rwo kumenyesha) Amahame y' Urugaga Mpuzamahanga rw'amashyirahamwe aharanira ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere (IFOAM). 16
Umugereka wa B (Mu rwego rwo kumenyesha) Urutonde rw'ibintu bishobora gukoreshwa mu buhinzi n'ubworozi-mwimerere 18
Umugereka wa C (Mu rwego rwo kumenyekanisha) Urutonde rw'ibintu kamere bitagomba gukoreshwa mu buhinzi n'ubworozi-mwimerere 21

© EAC 2007 – Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi

Umugereka wa D (Mu rwego rwo kumenyekanisha) Urutonde rw'ibyongerwa n'ibyifashishwa mu gutunganya ibikomoka ku buhinzi-mwimerere 21

© EAC 2007 – Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi

AMABWIRIZA Y'UBUZIRANENGE MURI AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA

Amabwiriza y'Ubuziranenge ku ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere

1. Aho ambwiriza agarukira

Aya mabwiriza akubiyemo ibyokubahirizwa mu ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere muri Afurika y'Iburasirazuba. Arareba ibikomoka ku bihingwa, ku bworozi, ku buvumvu, ku binyabuzima byo mu gasozi, uburyo bwo gutunganya no gushyira ibirango ku bibikomokaho. Nta bwo areba uburyo bukoreshwa mu kugenzura no kwemeza ubwiza bw'ibintu.

2. Andi mabwiriza yagendeweho

Aya mabwiriza agenga ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere muri Afurika y'Iburasirazuba akubiyemo ibyatangajwe n'ibitaratangazwa bivuye mu zindi nyandiko. Aya mabwiriza yagendeweho agaragazwa mu mwanya wabugenewe mu nyandiko kandi n'urutonde rw'inyandiko yavuyemo ruri hano hasi. Ku nyandiko zatangajwe, ubugororangingo cyangwa ibyavuguruwemo bireba aya mabwiriza muri Afurika y'Iburasirazuba iyo byinjijwemo gusa mu rwego rwo kurihindura cyangwa kurivugurura. Ku nyandiko zidafite amatariki azwi zasohokeyeho, inyandiko ya nyuma yifashishijwe ni yo ikurikizwa.

CAC/GL 32, Codex Alimentarius- Guidelines fro the production, processing, labelling, and marketing of organically produced foods/ CAC/GL 32, Codex Alimentarius.

IFOAM Basic Standards for Organic Production and Processing. Version 2005.

3. Amagambo yakoreshejwe n'ibisobanuro byayo

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira asobanura:

3.1. **Urusobe rw'ibinyabuzima**
Imiterere inyuranye y'ubuzima: hakubiyemo kuba intangabuzima zifite imiterere inyuranye (urugero: ubwoko bw'ibintu buranyuranye), ukunyurana k'ubwoko (urugero ni umubare no guhindagurika kw'ubwoko), no kuba indiri buzima ihindagurika (urugero ni umubare w'igiteranyo cy'ibiremwa bituye indiri buzima).

3.2. Imyororokere
Guhitamo ibimera n'inyamaswa bizororoka hakurikijwe imiterere wifuza y'ibizabikomokaho.

3.3. Akarere kihariye
Ahantu hihariye hazwi hakorerwa imirimo ijyanye n' ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere hashyizweho kugira ngo bibuze ko ibikorwa by'ubwo buhinzi bigira aho bihurira n'ibintu bitemewe n'aya mabwiriza.

3.4. Umwana
Umuntu uri munsi y'imyaka yateganyijwe mu mategeko yihariye ya buri gihugu. Mu gihe bireba akazi mu nzego zitizewe neza, umwana bisobanura umuntu uri munsi y'imyaka 18.

3.5. Akazi k'abana
Akazi kose katubahiriza uburenganzira umwana ahabwa n'itegeko kandi kabangamiye ibikenewe mu burere bwe bushingiye ku muco.

© EAC 2007 – Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi

3.6. Ubwandu

Ihumana ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere cyangwa ubutaka bukorerwaho ubwo buhinzi cyangwa se ikindi icyo aricyo cyose cyatuma ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere bitakaza ubuziranenge.

3.7. Kitari-mwimerere

ikintu, ubuhinzi n'ubworozi, cyangwa gutunganya umusaruro bitari umwimerere,cyangwa mu ihindurwa.

3.8. Igihe cy'ihinduka

Ni igihe bifata kugira ngo ibihingwa cyangwa amatungo bihabwe kandi bigaragaze kamere yo kuba bitahuye n'imiti cyangwa amafumbire mvaruganda.

3.9. Guhinduranya ibihingwa

Uburyo bwo kubisikanya ubwoko cyangwa amatsinda y'ibihingwa buri mwaka cyangwa buri myaka ibiri mu murima runaka mu bwoko cyangwa mu kubukurikiranya hagamijwe kurwanya ibyatsi bya rwona, udusimba twonona imyaka cyangwa ingarukabihe y'indwara z'ibihingwa no kurengera cyangwa kurumbura ubutaka no kongera ifumbire y'imborera.

3.10. Inyunganirandyo

Ikintu ubwacyo kitaribwa cyangwa ngo gifatwe nka kimwe mu bigize ibiryo cyaba cyifitemo intungamubiri cyangwa ntazo, cyongerwa mu biryo kubera impamvu z'ikoranabuhanga mu gukora, mu gutunganya, mu gutegura, mu gupfunyika, mu guhunika, mu gutwara ibyo biryo ku buryo butononekara cyangwa kikaba cyahinduka ku buryo buziguye cyangwa butaziguye kimwe mu bigize ibyo biryo cyangwa kikanahindura imiterere yabyo.

Iki gisobanuro ntikireba ibyanduza cyangwa ibyongerwa mu biryo hagamijwe kubumbatira cyangwa kongera intungamubiri cyangwa umunyu (sodium chloride).

3.11. Kongerera ikiribwa ingufu

Kongera intungamubiri imwe cyangwa nyinshi mu kiribwa runaka, yaba isanzwe muri icyo kiribwa cyangwa idasanzwemo, hagamijwe kurinda cyangwa gukosora ibura ry'intungamubiri ryagaragajwe ku baturage cyangwa ku itsinda ry'abaturage runaka.

3.12. Guhindura intangakamere

Uburyo bwose bukoreshwa hagamijwe guhindura intangakamere z'ibihingwa, amatungo, udukoko duto cyane, ingirabuzima fatizo n'izindi ngingo z'ibinyabuzima ku buryo haboneka umusaruro utaboneka hakoreshejwe uburyo kamere bwo kororoka bumwe mu buryo bushobora gukoreshwa mu guhindura intangakamere ni ubu bukurikira: kuvangavanga za ADN, guhuza ingirabuzima fatizo, gutera intanga, kubangurira mu birahure, kuzimangatanya intangakamere cyangwa kuzikuba kabiri. Ibinyabuzima byakomotse ku guhuriza hamwe, kuvanga intangakamere no kubanguriranya bisanzwe ntabwo bibarwa nk'ibikomoka ku ihindura ry'intangakamere.

3.13. Ibinyabuzima byahinduriwe intego y'intangakamere (GMO)

Ni igihingwa, inyamaswa cyangwa mikorobe byahinduriwe intego hakoreshejwe uburyo bwo guhindura intangakamere

3.14. Ifumbire rwatsi

Ni igihingwa gicengezwa mu butaka kugira ngo kibuvugurure, ibyo bihingwa bishobora kubamo ibyimeza, ibiterwa cyangwa ibyatsi rwona.

3.15. Inturo

Ni akarere ubwoko bw'ibihingwa, cyangwa bw'inyamaswa biba byiganjemo ku buryo bwa kamere. Iri jambo rikoreshwa kandi mu kuvuga ubwoko bw'inturo nko ku nkombe y'inyanja, inkombe z'imigezi, amashyamba n'ibisambu.

© EAC 2007 – Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi

3.16. Ikigize

Ikintu cyose, harimo icyongerwa mu biryo, gikoreshwa mu gukora no mu gutegura ibiribwa n'ibicuruzwa bitari ibiribwa kandi kikagaragara muri byo byarangije gukorwa.

3.17. Imirasire ya X na Gama

Ni uburyo bukoresha imirasire gama cyangwa, imirasire X , elegitoro zihutishwa mu buryo bwo guhindura kamere fatizo y'ibiryo hagamijwe kurwanya mikorobi zanduza, indiririzi n'udukoko mu biribwa, hagamijwe kandi kurinda ibiribwa cyangwa kuburizamo imihindukire y'imiterere y'ibinyabuzima nko kuzana imimero cyangwa guhisha.

3.18. Ikirango

Ni inyandiko iyo ari yo yose, n'igishushanyo icyo ari cyo cyose gishyirwa ku gicuruzwa cyangwa bigiherekeza cyangwa bishyirwa iruhande rwacyo.

3.19. Umugenzuzi

Ni umuntu cyangwa ikigo bishinzwe kugenzura ko ibintu n'uburyo byakozwemo byubahirije aya mabwiriza.

3.20. Umwimerere

Iri jambo risobanura uburyo bukoreshwa mu guhinga no korora bivugwa muri aya mabwiriza. Iri jambo nta bwo riganisha ku bifitanye isano na shimi oruganiki (organic chemistry).

3.21. Ubuhinzi -mwimerere

Ni uburyo bwo guhinga no korora bikurikije aya mabwiriza.

3.22. Ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere

Ni ibintu byakozwe cyangwa byatunganyijwe hakurikijwe aya mabwiriza.

3.23. Imbuto-mwimerere

Ni imbuto zakomowe ku buhinzi-mwimerere.

3.24. Ibangikanyabuhinzi-mwimerere n'ubuhinzi busanzwe

Ni uburyo bwo kubyaza ikintu umusaruro habangikanywa uburyo bukoresha ibivashimi n'ubutabikoresha. Igihe ikintu kimwe kigezweho ku buryo bw'umwimerere cyangwa gihinduwe ku bundi buryo na byo bibarwa nk'aho ari ibangikanyabuhinzi-mwimerere n'ubuhinzi busanzwe.

3.25. Ibyifashishwa mu gutunganya ibiribwa

Ikintu cyose (hatarimo amamashini n'ibikoresho byo mu rugo) kidafatwa nk'ikiribwa ubwabyo kandi kigakoreshwa mu gutunganya ibintu fatizo, ibiribwa, cyangwa ibirungo mu rwego rwo gutunganya hifashishjwe tekiniki kandi kikaza kugaragara mu bisigazwa cyangwa mu bigikomokaho igihe igicuruzwa cyarangiye.

3.26. Gutubura

Ni uburyo bukoreshwa mu kubanguriranya ibihingwa kugira ngo babitubure (urugero ni intete) cyangwa ubundi buryo budashingiye ku ntanga (urugero ni ingemwe z'ingeri, gushibuka kw'imizi).

3.27. Igisabwa

Ni imiterere isabwa cyangwa igikorwa cyasabwe.

3.29. Icyagombye

Ni imiterere cyangwa igikorwa bisabwa, byifuzwa cyangwa se bitegerejwe.

3.30. Ibivashimi

Ni ibintu byakorewe mu ruganda. Harimo ibintu bidakunze kuboneka muri kamere, cyangwa ibintu bitari umwimerere cyangwa ibintu byiganwe bihereye ku isoko kamere (ariko bitavanywe mu bintu fatizo).

3.31. Imiti ikoreshwa mu buhinzi

Ni imiti mvaruganda igenewe kubuza, kwica cyangwa kurwanya indwara n'udukoko twangiza imyaka mu mirima no mu buhunikiro.

3.32. Ikurikirana

Ni ubushobozi bwo gukurikirana ikiribwa mu byiciro binyuranye byo kugikora, kugitunganya no kukigemura.

3.33. Igikorerwaho ihindurwa

Ni igihingwa cyahinzwe ku buryo bubiri mu murima umwe, harimo ubuhinzi budakoresha imiti n'amafumbire byakorewe mu nganda n'ubundi bukoresha imiti n'amafumbire byakorewe mu nganda.

4. Ibisabwa mu buhinzi n'ubworozi-mwimerere

4.1. Muri rusange

Ibyangombwa biboneka muri iyi ngingo bigomba gukoreshwa mu ngeri zose z'ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere n'ababukora bose.

4.2. Inyandiko no gukorera mu mucyo

4.2.1. Umuhinzimworozi cyangwa undi wese bireba agomba kugira aho yandika ibirebana n'imirimo ye igendanye n'umusaruro runaka kimwe n'ubushobozi bwe.

4.2.2. Nyir'ugukora ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere agomba gutanga amakuru ajyanye n'umusaruro we ku bayakeneye.

4.2.3. Nyir'ugukora ubuhinzi n'ubworozi bubyara umusaruro-mwimerere agomba kugira gahunda ihamye ituma akurikirana umusaruro kamere mu byiciro binyuranye kugeza bigemuwe ku isoko.

4.3. Ubwandu

4.3.1. Nyir'ugukora ikintu agomba kwirinda gukoresha ibivashimi bishobora kubangamira ubuzima bw'umuntu n'ibidukikije. Ariko imiti yaba idafite ubukana bwatuma yahumanya ubuzima ishobora gukoreshwa.

4.3.2. Nyir'ugukora ikintu agomba gufata ingamba zihanitse ku buryo aho akorera ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere n'ibibukomokaho hidahumana. Haramutse hagaragaye ibimenyetso byatera gukeka ko hari ihumana ry'ubutaka, amazi, umwuka, ibikoreshwa mu gukora inyongeramusaruro, ingamba zihariye zigomba guhita zifatwa. Umwanda n'ibisigazwa by'umusaruro haba mu murima cyangwa mu gihe cyo gutunganya ibiribwa bigomba gushyirwa ahantu bitanduza ibikomoka kuri bwa buhinzi n'ibidukukije. Ibivashimi bigomba gushyirwaho ikirango kandi bikabikwa neza.

4.3.3. Ubwandu bw'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere bushobora guturuka ku mpamvu nyira byo atabasha kwirinda bushobora kubangamira imikorere, igikorwa ubwacyo cyangwa se byombi.

4.4. Ibinyabuzima byahinduriwe intangakamere (GMOs)

4.4.1. Ibinyabuzima byahinduriwe intangakamere cyangwa ibibikomokaho ntabwo bigomba gukoreshwa kubera uburangare cyangwa kwibeshya. Ibyo bireba amatungo, imbuto zo gutera, inyongeramusaruro n'imiti ihungira imyaka.

4.4.2. Ibirungo, ibyogerwa mu biryo n'ibyifashishwa mu gutunganya ibiribwa biva mu binyabuzima byahinduriwe intangakamere nta bwo bigomba gukoreshwa mu itunganywa ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere.

4.4.3. Ibyifashishwa mu gutunganya ibiribwa ndetse n'ibirungo bizakurikiranwa kugira ngo barebe niba bidakomoka ku binyabuzima byahinduriwe intangakamere.

4.4.4. Ibinyabuzima byahinduriwe intangakamere ntibigomba gukoreshwa mu buhinzi busanzwe n'ubwo imirima n'inzuri byaba bitararangiza guhindurwamo imirima cyangwa inzuri bikoresha ubuhinzi 'ubworozi-mwimerere.

4.5. Uburenganzira bw'umukozi

4.5.1. Abakozi bagomba kwizezwa ko uburenganzira bw'ikiremwamuntu buzubahirizwa kandi ko batazakorera mu karengane nk'uko biteganywa n'amabwiriza n'amasezerano mpuzamahanga.

4.5.2. umukoresha ntabwo azakoresha umuntu ku gitugu cyangwa mu mirimo adashaka.

4.5.3. Abakozi baba ba kanyamubyizi cg se bafite amasezerano y'akazi bafite uburenganzira bwo kwibumbira mu mashyirahamwe n'ubwo kumvikana n'umukoresha uburyo bazakorana.

4.5.4. Abakozi bagomba kugira amahirwe angana n'umushahara umwe mu gihe bakora akazi kamwe hatitawe ku ibara ry'uhruhu, idini, ubwoko n'ibitsina.

4.5.5. Umukoresha ntabwo yemerewe gukoresha abana. Abana bashobora gukora mu mirima y'imiryango yabo cyangwa y'abaturanyi, iyo akazi bakora katabangamira ubuzima bwabo n'umudendezo, imyigire, umuco, imikurire n'imibanire n'abandi. Imirimo nk'iyo y'abana izajya ikurikiranwa n'umuntu mukuru wemerewe n'amabwiriza kumurera.

4.5.6. Umukoresha agomba guha abakozi, baba abahoraho cyangwa abateye kontaro, imibereho myiza no kubungabunga umutekano wabo.

4.5.7. Umukoresha ufite abakozi bahoraho kuva kuri batanu kujya hejuru agomba kuba afite inyandikomvugo ikubiyemo ingingo ya 4.5.

4.6. Kubahiriza amategeko ya ngombwa

Umukoresha agomba gufata ibyemezo yubahiriza aya mabwiriza.

4.7. Ubumenyi ku bijyanye n'umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere

Umukoresha agomba kureba ko buri mukozi afite ubumenyi buhagije ku bijyanye n'uramusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere n'ubumenyi bufatika ku bikubiye muri aya mabwiriza.

5. Ubuhinzi

5.1. Igihe cy'ihindura n'ibisabwa

5.1.1. Guhindura ubutaka bigomba gukorwa byibuze mu gihe cy'umwaka umwe mu buryo buteganywa n'aya mabwiriza. Iyo ubutaka bumaze igihe burajwe igihe cyo kubuhindura ntikiba kikiri ngombwa.

5.1.2. Igihe cyo guhindura ubutaka gishobora kongerwa bitewe n'uko ubutaka bwakoreshejwe mu gihe cyashize. Urugero hakoreshejwe imiti myinshi yica udukoko ku buryo byahumanya ibihingwa n'imiterere y'ibihumanya.

5.2. Guhindura imirima no kubangikanya ibihingwa.

5.2.1. Igihe imirima n'inzuri bidahinduwe, bihinduwe igice, bihinduye byose n'ibirimo bihundurwa bigomba gutandukana ku buryo bugaragara.

5.2.2. Ntibyemewe gusimburanya ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere n'ubuhinzi busanzwe mu murima wamaze guhindurwa.

5.2.3. Ibihingwa bizaba byakuriye muri ubu buryo uko ari bubiri mu murima umwe ntabwo bizagurishwa nk'aho ari-mwimerere keretse habayeho uburyo butuma habaho itandukaniro rigaragara kandi rihoraho (urugero: amoko y'ibihingwa-mwimerere n'ibihingwa bisanzwe bishobora gutandukanywa mu buryo bworoshye).

5.3 Urusobe rw'ibinyabuzima

5.3.1. Umukoresha agomba kwerekana uburyo abungabunga urusobe rw'ibinyabuzima mu gucunga ubuhinzi n'ubworozi bye.

5.3.2. Ibicumbi cy'indiri y'ibinyabuzima by'ibanze birengerwa n'umuco, n'amategeko, nk'amashyamba kimeza n'ibishanga, ntabwo bigomba guharurwa cyangwa ngo bikamurwe kugira ngo bibyazwe umusaruro nk'uko biteganywa n'aya mabwiriza.

5.3.3. Mu rwego rwo gukora ibishoboka kandi bijyanye n'ibihingwa n'imiterere y'akarere, ibiti bigomba kugaragara mu mirima.

Icyitonderwa: Ibiti by'imbuto bikuze bifitiye akamaro udukoko n'inyoni ku buryo bwihariye.

5.3.4. Imipaka-mwimerere nk'inzitiro, utuyira n'imihora bikwiye gushyigikirwa.

Icyitonderwa: Inzitiro, utuyira n'imihora nk'imirombero y'ubuzima bwa kinyamaswa mu mirima y'ibihingwa, bifasha mu kurinda ubusugire bw'ibidukikijekandi bikaba n'indiri y'ibisimba n'udukoko bitabangamira ubuzima ndetse bikaba n'inyugamo y'amatungo.

5.4. Uburyo bunyuranye bwo guhinga

5.4.1. Urusobe rw'ibihingwa, inyongeramusaruro, kurumbuka k'ubutaka, imikorere y'udukoko, ubutaka n'ubuzima bw'ibimera bizagerwaho hakoreshejwe gusimburanya, kuvanga imbuto, gutera ibiti bivangwa mu myaka n'izindi ngamba zihariye zakoreshwa.
Ku bihingwa biterwa buri mwaka, hagomba gukoreshwa uburyo bwo gusimburanya ibihingwa.
Ku bihingwa bimara imyaka myinshi ni ngombwa kubirobanya n'ibindi bihingwa. Ku bihingwa bimara igihe kirekire bitashobotse ko bivangwa n'ibindi (urugero nk'ibisheke n'icyayi) hakoreshwa ubundi buryo bwo kubahiriza uko kudasa kwa byo.

5.4.2. Umuhinzimworozi arashishikarizwa gukoresha no kubungabunga ubwoko bw'ibihingwa gakondo, amoko anyuranye y'ibihingwa n'amatungo.

5.5. Gufata neza ubutaka n'amazi harimo no kurwanya isuri

5.5.1. Gufata neza ubutaka bigomba kuba igice cy'ingenzi cy'imihingire idakoresha ifumbire n'imiti mvaruganda. Mu rwego rwo kurwanya isuri iterwa n'amazi n'umuyaga, umuhinzi azafata ingamba zihariye zijyanye n'imihindagurikire y'ibihe yo mu karere atuyemo, n'imitere y'ubutaka, ubuhaname n'imikoreshereze yabwo. Urugero ni nko gukoresha ibihagarika umuyaga utwikira ubutaka, guhinga udacukura cyane, kuraza ubutaka, gusasira, guca amaterasi y'indinganire no guhinga hakurikizwa imiterere y'ahantu.

5.5.2. Ingamba za ngombwa zigomba gufatwa mu kurinda no kuvura ubusharire bw'ubutaka n'amazi.

5.5.3. Mu rwego rwo kubungabunga ibijyanye n'ubuhinzi-bworozi-mwimerere n'urusobe rw'ibinyabuzima gutwika ibimera birabujijwe.

5.5.4. Umuhinzi ntagomba kwaya amazi kandi agomba kwitwararika kuyafata neza. Igihe bibaye ngombwa umuhinzi agomba kureka amazi y'imvura.

5.6. Gucunga imirumbukire y'ubutaka

5.6.1. Umuhinzi agomba kwihatira gukoresha neza ndetse no kuvugurura ibitunga ibimera, guhinduranya ibihingwa neza no gukora ibishoboka byose kugira ngo ibitunga ibimera bitagabanuka.

5.6.2. Ibikomoka kuri mikorobe, ku bihingwa no ku matungo bigomba kuba ari byo biba ishingiro rya gahunda yo kurumbura ubutaka. Ifumbire ikomoka ku butare izakoreshwa uko yakabaye mu nkomoko yayo kamere n'uko yacukuwe. Ntigomba guhindurwa ku bundi buryo bwa shimi butari ubwo kuyivanga n'amazi. Ifumbire ikomoka ku butare igomba gukoreshwa gusa mu gihe ikemura ibibazo by'igihe kirekire ikomatanyijwe n'izindi tekiniki nko kongeramo ifumbire y'imborera, ifumbire rwatsi, guhinduranya ibihingwa no kuba ibihingwa ubwabyo bishobora kwifatira azote.

5.6.3. Amafumbire n'ibyifashishwa mu gufata neza ubutaka byemerewe gukoreshwa mu buhinzi n'ubworozi-mwimerere nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya IFOAM cyangwa CAC GL32 ni byo bishobora gukoreshwa. Amafumbire n'ibyifashishwa mu gufata neza ubutaka-mwimerere bishobora gukoreshwa usibye ibirondorwa mu mugereka C. Amafumbire n'ibyifashishwa mu by'ibikorano bishobora gukoreshwa ni ibigaragazwa mu mugereka B.

5.7. Kurwanya ibyonnyi, indwara n'ibyatsi byonona ibihingwa

5.7.1. Mu kurwanya ibyonnyi n'udukoko twonona ibihingwa, indwara zifata ibihingwa n'ibyatsi byonona ubutaka hashobora gukoreshwa uburyo bwa fizike, ubushingiye ku muco no ku binyabuzima ndetse n'ubwifashisha ubushyuhe.

5.7.2. Ibyangombwa bishobora gukoreshwa mu kurwanya ibyonnyi n'udukoko twanona ibihingwa, indwara, ibyatsi rwona no mu kongera umusaruro byemewe mu buhinzi-mwimerere ni ibikurikiza amabwiriza ya IFOAM na CAC/GL 32. Ibirungo bya kamere bikoreshwa mu kurwanya ibisimba n'udukoko twonona ibihingwa, indwara z'ibihingwa, ibyatsi rwona no mu kongera umusaruro bishobora gukoreshwa usibye ibirondorwa mu mugereka C. Ibirungo mvaruganda bishobora gukoreshwa ni ibirondorwa mu mugereka B.

5.7.3. Ibintu bisinziriye mu butaka nka kariyeri n'ibibitse amazi ntibigomba kuba byatera kanseri, byabangamira imibereho y'urusoro, byakwangiza intangakamere, cyangwa urusobe rw'ibimyakura y'ubwonko.

5.8. Imbuto, ingemwe n'ibikoresho by'ubuhinzi

5.8.1. Ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere, imbuto, ingemwe n'ibikoresho by'ubuhinzi bigomba gukoreshwa. Igihe ibi bivuzwe haruguru bidashobora kuboneka ku masoko hakoreshwa imbuto, ingemwe n'ibikoresho bitakozwe n'uruganda. Igihe bidashoboye kuboneka ku masoko, imbuto, ingemwe n'ibikoresho byakorewe mu nganda bishobora gukoreshwa. Umuhinzi agomba kwerekana impamvu zifatika zo kubikoresha. Imikoreshereze yose y'imbuto, ingemwe n'ibikoresho byakorewe mu nganda igomba kuba isobanuye hihagije.

5.9. Ubuhinzi bw'ibihumyo

5.9.1. Imvange y'ibintu biterwamo ibihumyo igomba kuba igizwe n'ibintu bitakorewe mu nganda, nk'imbuto n'ibyatsi. Aho iyo mvange itaboneka bihagije mu bwinshi no mu bwiza, hashobora kwifashishwa ibintu kamere bipfa gusa kuba bitahumanya ibihingwa.

5.9.2. Ibyangombwa bikoreshwa mu buhinzi bw'ibihumyo bigomba kuba byubahirije ingingo ya 5.6, 5.7 na 5.8.

5.10. Ubwandu

5.10.1. Aho bigaragara ko hashobora kubaho ukwandura bikomoka ku bigo by'ubuhinzi n'ubworozi byegeranye, umuhinzimworozi agomba gufata ingamba, zirimo gushyiraho imipaka n'uturere tutagira ikiturangwamo, kugira ngo birinde cyangwa bigabanye ubwandu.

5.10.2. Amamashini, ibikoresho (urugero nk'ibidasesa, imashini inyanyagiza ifumbire n'amapombo atera imiti) bikoreshwa mu buhinzi-mwimerere bigomba kubanza kozwa mbere y'uko bikoreshwa mu buhinzi bukoresha ibivashimi.

5.10.3. Kuvura amatungo uburondwe n'ubundi bukoko bw'indiririzi bigomba gukorwa ku buryo hatabaho guhumana k'ubutaka buhingwa.

5.11. Amatungo akoreshwa mu buhinzi

Amatungo akoreshwa mu buhinzi iyo akoreshejwe mu buhinzi-mwimerere agomba gucungwa hubahirizwa amabwiriza y'icungwa ry'amatungo agaragara mu ngingo ya 6.3. Imikoreshereze y'amatungo ahinga ntigomba kubangamira imibereho n'imikurire yayo.

6. Ubworozi bw'amatungo

6.1. Igihe cy'ihindura ry'amatungo yizanywe mu ishyo giteye gitya:

6.1.1. Guhindura amatungo runaka yinjijwe mu ishyo bisaba ko habaho igihe cy'ihinduka giteye gitya:

Ubwoko bw'umusaruro	Ubwoko bw'amatungo	Igihe bimara
Inyama	Inka	Amezi cumi n'abiri (12)
	Ibiguruka	Iminsi mirongo ine n'itanu (45)
	Intama, ihene n'ingurube	Amezi atatu (3)
	Inkwavu	Iminsi mirongo ine n'itanu (45)

Amata	Ubwoko bwose	Amezi atatu (3)
Amagi	Ubwoko bwose	Iminsi mirongo ine n'itanu (45)

6.1.2. Amatungo agomba kororwa ku buryo bw'umwimerere kuva akivuka. Igihe ubwo buzima budashoboka, amatungo ashobora kuzanwa hubahirijwe ikigero gikurikira:

- imishwi imaze iminsi 2 iyo yororerwa gutanga inyama;
- inkokokazi zimaze ibyumweru 18 iyo zororerwa gutera amagi;
- ibyumweru bibiri ku biguruka bindi;
- amezi atatu ku byana by'ingurube;
- amezi atatu ku nyana;
- amezi atatu ku ihene n'intama.

Amatungo akuze yose ashobora kuzanwa ku mpamvu z'icyororo gusa.

6.2. Ubworozi bubangikanyije

Ibikomoka ku bwoko bumwe bw'amatungo n'ubwoko bumwe bw'umusaruro bibangikanye byombi kimwe cyarakoresheje imiti n'ibiribwa mvaruganda n'ikindi kitakoresheje ubwo buryo mu kigo kimwe cy'ubworozi ntabwo bigomba kugurishwa nk'aho byaba ari ibitarakoresheje imiti n'ibiribwa mvaruganda ku buryo bugaragara kandi buhoraho imisaruro ibikomokaho.

6.3. Imicungirwe y'amatungo

6.3.1. Amatungo agomba kororwa hubahirizwa imicungire myiza y'ubworozi.

Amatungo agomba guhabwa uburyo bwo kubona umwuka mwiza, amazi ndetse n'ibiryo bihagije.

Mu rwego rwo kuyafata neza ndetse no guharanira imibereho myiza yayo, amatungo agomba kurindwa izuba ryinshi, urusaku rukabije, ubushyuhe, imvura, ibyondo n'umuyaga.

Amatungo ntagomba gufatwa nabi cyangwa ngo akubitwe.

6.3.2 Amatungo agomba guhabwa ibyangombwa byo kubaho kandi akitabwaho hakurikijwe kamere yayo Urugero:

- Ingurube zigomba guhabwa uburyo bwo gucukura;
- Ihene zigomba guhabwa uburyo bwo gusera ;
- Inkoko zigahabwa uburyo bwo kurashya no kwigaragura mu ivumbi.

Amatungo agomba guhabwa ibyangombwa byo kubaho kandi akitabwaho ku buryo atagira imyitwarire idasanzwe, adakomereka cyangwa ngo arware.

6.3.3 Amatungo agomba guhabwa umwanya wo kwisanzuriramo hakurikijwe kamere yayo.

6.3.4 Amazu y'amatungo agomba kuba arimo umwanya uhagije wo kuryamamo ndetse no kuruhukiramo bijyanye n'imiterere y'ayo matungo.Amatungo akwiye kugira ahantu humutse ho kuruhukira igihe cyose bishoboka, akwiye kandi kugira isaso y' ibimera igihe cyose bishoboka.

6.3.5 Ibiraro by'amatungo bigomba guhorana isuku.

6.3.6 Amatungo ashobora kuzirikwa ariko bigakorwa ku buryo bitabangamira imibereho myiza yayo. Amatungo agomba guhabwa ibiryo, amazi ndetse n'aho kuba bikwiriye. Ikiziriko kigomba gutuma itungo rishobora gutambagira mu rwuri kitariboshye cyangwa ngo kiribabaze. Ikiziriko ntikigomba gukomeretsa cyangwa ngo gitere itungo ubundi bubare bw'umubiri.

6.3.7 Amatungo agomba kugaburirwa hakurikijwe kamere yayo, urugero kurisha. Nyamara igihe byagaragaye ko kwahira ari byo bifasha mu gufata neza ubutaka amatungo arahirirwa, ariko hagakorwa gahunda yo kuyajyana ku musozi uko bishobotse.

6.3.8 Kuragira bigomba gukorwa mu buryo bitangiza ubutaka, inzuri ndetse n'amazi.

6.4 Imyororokere

6.4.1 Hashobora kwifashishwa uburyo bwo gutera intanga.

6.4.2 Uburyo bwo gutera urusoro mu nda itararusamye no kubyaza ikinyabuzima ingirabuzimafatizo zikaswe ku kindi kinyabuzima birabujijwe.

6.5 Guca ibice by'umubiri

Ibyo bikorwa ntibigomba kubaho uretse ku mpamvu zikurikira,

- Gukona;
- Gufungiranwa mu biterane by'amatungo;
- Gukata amahembe(bikorwa gusa ku matungo akiri mato).

Ibi bikorwa bigomba gukorwa mu buryo itungo ritumva ububabare bwinshi, iyo bibaye ngombwa itungo riterwa ikinya.

6.6 Ibiryo by'amatungo

6.6.1 Amatungo akwiye kugaburirwa ibiryo by'umwimerere. Igihe bidashoboka kubona bene ibyo biryo bihagije haba mu bwiza no mu bwinshi, ibiryo byakorewe mu nganda byahabwa itungo bihwanye 40% ku munsi, hatabariwemo amazi.

6.6.2 Amatungo yose agomba kugaburirwa ibyo kurya bitoshye. Amatungo yuza agomba guhabwa buri munsi ubwatsi butoshye arisha cyangwa yahirirwa. Mu gihe ibyo kurya bitoshye bitaboneka, hakoreshwa ibyo kurya byahunitswe.

6.6.3 Mu rwego rwo guhuza umusaruro w'ibimera n'ubworozi , byibura 60% by'ibitunga amatungo bigomba kuva mu murima wa nyiri amatungo cyangwa se bikava mu yindi mirima idakoresha ifumbire n'imiti mvaruganda ku bufatanye bw'aborozi.

6.6.4 Ibintu bikurikira ntibigomba kuba mu bigize ibiryo by'amatungo:

- inyama, amagufa ndetse n'ibindi bisigazwa byose byo mu mabagiro ku matungo yuza;
- ifumbire iva ku nkoko cyangwa ku yandi matungo ku matungo yuza;
- Ibiryo byakamuwemo imyunyu cyangwa se byongewemo ibindi binyashimi;
- Ifumbire ikomoka kuri azote n'ibindi byose bigize azote
- Imiti yose itera gukura jugujugu;
- Imiti irwanya za mikorobe (antibiyotiki);
- Imiti ikoreshwa mu kurwanya ikizibakanwa ;
- Ibintu bikoreshwa mu guhindura amabara ;
- Ibinyabuzima byahinduriwe intangakamere ndetse n'ibikomokaho.

6.6.5 Imiti ifasha mu guhunika ibiryo ntigomba gukoreshwa kereka ku,

- bintu bikomoka ku bimera ;
- byakorewe mu nganda zikora ibiryo (urugero : ibikatsi bisigara bakora isukari) ;
- kuri bagiteri, imiyege n'imisemburo.

6.6.6 Amatungo agomba kugaburirwa ibiryo birimo vitamini, imyunyu ngugu bikomoka ku bintu kamere. Mu gihe intungamubiri kamere zidahagije mu bwiza no mu bwinshi hakwifashishwa iz'inkorano.

© EAC 2007 – Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi

6.6.7 Amatungo akiri mato akomoka ku nyamabere agomba kurerwa n'amata ya za nyina cyangwa se amata akomoka ku matungo bihuje ubwoko. Amatungo akiri mato agomba konka.

Mu gihe amata akomoka ku bworozi butifashisha ibiryo n'imiti mvaruganda ataboneka, hakwifashishwa amata yahawe kamere nk'iy'amata akomoka kuri bene ubwo bworozi. Ibisimbura amata bishobora gukoreshwa mu gihe cy'ubwihutirwe ariko bikaba bitarimo ibyavuzwe mu ngingo ya 6.6.4.

Amatungo ashobora gucutswa mu gihe runaka hakurikikjwe kamere yayo ndetse n'ibyo akeneye ngo abeho.

6.7 Kurwanya indiririzi n'indwara

6.7.1 Mu bworozi-mwimerere, kurwanya indwara byakorwa ku buryo bukurikira :

- Guhitamo ubwoko bukwiye bw'amatungo;
- Gukurikiza amabwiriza agenga ubworozi bwa buri bwoko bw'amatungo, ayo mabwiriza afasha guharanira ubudahangarwa ku ndwara ndetse no kurwanya ububore butewe na mikorobe;
- Gukoresha ibiryo byiza bitanyuze mu nganda, gukoresha imyitozo amatungo ku buryo buhoraho, kuyajyana mu rwuri cyangwa se no ku musozi ngo ahumeke umwuka wo hanze;
- Kumenya gutunga umubare ukwiye w'amatungo.

6.7.2 Nubwo wakurikiza aya mabwiriza birashoboka ko itungo ryarwara cyangwa rigakomereka, muri icyo gihe rigomba kuvurwa vuba kandi neza. Wabanza kwifashisha imiti ikomoka ku byatsi cyangwa ibindi nkabyo mu gihe byagaragaye ko bivura neza indwara cyangwa ibikomere.

Uvura ashobora gukoresha imiti y'amatungo, imiti irwanya za mikorobe cyangwa imiti irwanya udukoko yakorewe mu nganda, ibi byakorwa mu gihe uburyo busanzwe bwo kurinda amatungo butashoboye kuvura indwara cyangwa gukiza igikomere.

Uvura ntagomba gukura amatungo arwaye ku miti n'ubwo iyo miti yatuma itungo ritakaza akaranga karyo ko kuba ryarorowe hadakoreshejwe ibiryo n'imiti mvaruganda.

6.7.3 Ubuvuzi bwifashisha imiti irwanya udukoko cyangwa se n'indi miti yose y'amatungo yakorewe mu nganda bugomba gukorwa hitawe ku bwoko bw'indiririzi n'imiti ikoreshwa mu kuzica. Ubu buvuzi bugomba kuba buherekejwe n'ibisobanuro bihagije.

6.7.4 Gukura amatungo ku miti nyuma yo kuyavurisha imiti y'amatungo, imiti irwanya mikorobe cyangwa irwanya ibyorezo by'amatungo yakorewe mu nganda byakorwa mu gihe kitari munsi y'igihe giteganywa n'amategeko ukubye kabiri cyangwa se amasaha 48.

6.7.5 Inkingo zakwifashishwa gusa mu gihe,

- Hari icyorezo mu karere cyangwa bizwi ko kiri hafi kuhagera kandi icyo cyorezo kikaba nta bundi buryo bwashoboka bwo kukirwanya; cyangwa
- Gukingira bikaba ari itegeko.

6.7.6 kuvura hakoreshejwe uburyo bw'imisemburo byakorwa gusa mu gihe bitewe n'impamvu zo kurengera ubuzima kandi bigakorwa bikurikiranwa n'umuganga w'amatungo.

6.7.7 Amatungo ntagomba guhabwa imiti ituma akura cyangwa yororoka jugujugu.

6.8 Gutwara amatungo no kuyabaga

Gutwara no kubaga amatungo bigomba gukorwa amatungo adahutajwe haba ku mubiri cyangwa mu mutwe.

Amatungo agomba gufatwa ku buryo buyarinda guhungabana ndetse n'ibindi byose byayabangamira nka:

- Inzara n'inyota;
- Ubushyuhe cyangwa ubukonje burenze urugero cyangwa ubuhehere;
- Kuvanga amatungo y'amoko, ibitsina, imyaka, ubuzima bitandukanye.

7. Ubuvumvu

7.1 Guhindura no kwimura inzuki n'amarumbo yazo

7.1.1 Amarumbo y'inzuki ashobora guhindurwamo ubworozi budakoresha imiti mvaruganda. Guhindura bifata igihe gihwanye n'igihe bifata kugira ngo umuzinga ube wahakurwa.
7.1.2 Iyo ibishashara byandujwe n'udukoko bisimbuzwa ibishashara bikomoka ku bworozi budakoresha imiti mvaruganda, ibi bigakorwa mu ntangiriro y'igihe cy'ihinduka.

7.1.3 Inzuki bazana mu muzinga zigomba kuba zivuye mu mizinga itarahuye n'imiti mvaruganda cyangwa yaba ntayo zikava mu buvumvu bwa gihanga.

Hashobora no gukoreshwa inzuki zivuye ahandi hantu ariko bikaba bizwi neza ko zitakwanduza izindi.

7.2 Uruvumvu n'aho rukwiye kubakwa

7.2.1 Imizinga y'inzuki igomba gushyirwa ahantu hasukuye ku buryo hadakoreshejwe imiti mvaruganda cyangwa ahantu ku gasozi h'umwimerere. Igomba kandi gushyirwa ahantu hari ubwatsi, amazi, ibyo guhova n'insinda bihagije.

7.2.2. Urucumbu rw'umwimerere rugomba gukoreshwa mu ikorwa ry'ibinyagu bya mbere. Aho urucumbu rw'umwimerere rutaboneka, urucumbu rutari umwimerere rushobora gukoreshwa. Urucumbu rutari umwimerere ntirugomba kuba rwaragiyeho imiti y'imivashimi.

7.2.3. Imizinga igomba kuba igizwe n'ibikoresho bitakwanduza inzuki n'ibituruka ku musaruro zitanga.

7.3. Ibyo kurya

7.3.1. Umurenda, igombyo n'insinda bigomba guturuka ku bimera byo ku gasozi cyangwa ibihingwa byuje ibyangombwa by'ibimera-mwimerere.

7.3.4. Igaburo ry'inyongera rigenewe irumbo rigomba guteganywa mu rwego rwo kwirinda ibura ry'ibiryo rya hato na hato ritewe n'imihindukire y'ibihe cyangwa ibindi bidasanzwe. Muri icyo kige, ubuki bw'umwimerere cyangwa amasukari agomba gukoreshwa igihe yaba aboneka.

7.4. Ibikorwa mu buvumvu

7.4.1. Ubuzima bw'inzuki bugomba kwitabwaho cyane, hakorwa imirimo yibanda cyane ku kurwanya indwara hababo ihitamo ry'icyororo cyiza no kwita ku muzinga. Ibi bikubiyemo :

- korora inzuki zishobora kwihanganira ubuzima bw'aho ziri ;
- guhindura urwiru iyo bibaye ngombwa ;
- guhora basukura bakanatera imiti yica mikorobi ku bikoresho bikoreshwa ;
- guhora urucumbu rusimburwa ;
- guhora hari ubuki n'insinda zighagije mu muzinga ;
- kwagika imizinga ahantu inzuki zihora zifite ubushyuhe buberanye na zo ;
- guhora umuzinga ugenzurwa kugira ngo barebe niba nta busembwa ufite ;
- kurwanya mikorobi, kwigizayo no gusenya imizinga n'ibikoresho byanduye.

7.4.2. Mukurwanya ibyonnyi n'indwara hakagombye gukorehswa ibibikurikira :

- lagitiki, agusaliki, aside asetiki.
- sufure (sulphur) ;
- amavuta y'umwimerere ya eteriki ((etheric) , eg. Menthol, eucalipthol, camphor, thymon, amavuta ya emongrass) ;
- *Bacillus thuringiensis ;*
- Umwotsi n'ikibatsi ;
- giliserolu (glycerol),
- imiti ikoreshwa mu kuvura ibimera ;
- ivu ry'ibiti.

Ubu buryo bwose bwanze n'iyi miti inaniwe, imiti iturutse mu baveterineri, antibiyotiki cyangwa imiti ikoreshwa mu myaka ishobora gukoreshwa. Iyo iyi miti ikoreshejwe, irumbu rigmba gukorerwa ihindura bundi bushya.

Gukoresha amavuta ya moteri ntibyemewe mu kurwanya ibyonnyi.

7.5. Guhakura

7.5.1. Mu gihe cyo guhakura, irumbu rigomba gusigarizwa ubuki, ibyana n'insinda bihagije kugira ngo irumbu rishobore kubaho.

7.5.2. Imiti y'imivashimi yirukana inzuki ntigmba gukoreshwa mu gihe cyo guhakura kand kwuka imizinga bigomba gukorwa ku rugero rwo hasi cyane. Ibikoreshwa mu kwuka bigomba kuba ari umwimerere.

8. Gusoroma imbuto zo mu gasozi

8.1 Ibikomoka ku musaruro wo mu gasozi bitahuye n'imiti mvaruganda bigomba kuba bivuye ahantu hatuma bikura neza. Usarura ntagomba gukabya ngo yifuze umusaruro urenze ubushobozi bw'ubwoko bw'icyo asarura cyangwa bw'indiribuzima kandi ntagomba kubangamira ibimera, imiyege cyangwa n'ibikoko kabone n'ubwo byaba atari byo akuraho uwo musaruro.

8.2 Usarura agomba gusarura mugace bizwi neza ko nta miti irwanya ibikoko cyangwa se n'indi miti yose itemewe n'aya mabwiriza yahatewe byibuze mu gihe cy'imyaka itatu ibanziriza isarura. Agace gasarurwamo kagomba kuba kure y'inzuri zahawe kamere y'ibintu bitakoresheje imiti mvaruganda ndetse n'ahantu hose hahumanya umusaruro**.**

9 Guhunika no gutunganya umusaruro

9.1 Gutandukanya

9.1.1 Ubusugire bw'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere bugomba kwitabwaho mu gihe cya nyuma y'isarura, mu gihe cyo guhunikwa, gutunganywa ndetse no kwikorerwa.

9.1.2 Ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere bigomba kugira uburyo bigaragazwa ko ari byo koko. Kubihunika no kubitwara bigomba gukorwa ku buryo bitavangwa n'ibindi bintu bidafite ako karanga.

9.2 Ibigize ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere

9.2.1 Ibintu byose bigize ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere bigomba kuba byarakozwe ku buryo budakoresha imiti mvaruganda mu gihe biboneka ku isoko mu bwinshi n'ubwiza bihagije**.**

Icyitonderwa: hakurikizwa amabwiriza agenga ishyirwaho ry'ibirango ari mu ngingo ya 10.

Amazi n'imyunyu iribwa bishobora gukoreshwa mu gukora ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere ariko ntibibarwe mu ijanisha ry'ibibigize.

9.3 Ikoranabuhanga

9.3.1 Ikoranabuhanga rikoreshwa mu gutunganya no guhunika ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere rigomba kuba ryubahiriza imiterere y'ibinyabuzima kandi ridakoresha imirasire.

9.3.2 Amazi, etanoro, amavuta akomoka ku matungo no ku bimera, vinegere, diyogiside ya karuboni (dioxide de carbone) na azote nibyo byonyine bigomba gukoreshwa mu gukamura imyunyu mu bikomoka ku buhinzi n'ubworozi bidakoresha imiti mvaruganda.

9.3.3 Ibikoresho bikoreshwa ntibigomba kuba birimo ibintu byakwangiza bw'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi bidakoresha imiti mvaruganda.

9.3.4 Ububiko bukwiye kuba ahantu hari imyuka yabugenewe kandi hakagenzurwa ko iri kugero gikwiye.

9.4 Ibyifashishwa n'ibyongerwamo.

9.4.1 Mu gutunganya ibiribwa hashobora kwifashishwa imisemburo n'utunyabuzima duto(uretse utunyabuzima tuba twarahinduriwe intangakamere ndetse n'ibidukomokaho).

9.4.2 Imiti yo guhindura ibintu (nk'ihindura amabara, icyanga ndetse n'iyongera uburyohe) ntigomba gukoreshwa.

9.4.3 Ibyongerwa mu biryo ndetse n'ibyifashishwa mu itunganya ryabyo byemewe n'amabwiriza y'Urugaga Mpuzamahanga rw'amashyirahamwe aharanira ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere (The International Federation of Organic Agriculture Movements) IFOAM cyangwa Amabwiriza yerekeye ihinga, ihindura n'icuruza ry'ibikomoka kuri ubwo buhinzi (Directives concernant la production, la transformation et la commercialisation des aliments issus de l'agriculture biologique) azwi ku izina rya CAC/GL 32 bishobora gukoreshwa. Umugereka D ukubiyemo ibyakongerwa mu biryo ndetse n'ibyifashishwa mu itunganywa ryabyo byemejwe mu gihe aya mabwiriza yandikwaga. Mu gihe ibintu bikubiye mu mugereka D bishobora kuboneka ari umwimerere byarushaho kuba byiza. Byaba byiza kandi bikomotse ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere.

9.5 Gukungahaza indyo

Ibinyamyunyu (harimo n'imyunyu ngugu), vitamini, aside amine n'ibindi bigize azote bishobora kwifashishwa mu gukungahaza indyo iyo bisabwa n'amabwiriza cyangwa se bigaragara ko hariho ikibazo cy'ibura ry'indyo yuzuye.

9.6 Ibipfunyikwamo ibiribwa

9.6.1 Ibipfunyikwamo ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimererentibigomba kubihumanya.

9.6.2 Ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere ntibigomba gupfunyikwa mu bikoresho byagize aho bihurira n'ifumbire cyangwa imiti mvaruganda irwanya udukoko cyangwa se n'ibindi byose byakwangiza ubuziranenge bwabyo.

9.6.3 Uburyo bwo gupfunyika butabangamira ibidukikije nibwo bugomba gukoreshwa. Byaba byiza hadakoreshejwe ibikoresho bya parasitiki irimo chlorine.

9.7 Isuku no kurwanya udukoko dutera indwara

9.7.1 Hagomba gushyirwaho ingamba zo kurwanya udukoko ahantu hahunikwa kandi hagatunganyirizwa ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi bidakoresha imiti mvaruganda.

9.7.2 Kurwanya udukoko bizagerwaho hifashishijwe isuku n'isukura bihagije.

9.7.3 Mu kurwanya udukoko hakwifashishwa uburyo bukurikira,

- Uburyo bwo kwirinda nko gusenya indiri z'udukoko dutera indwara ndetse no kubona ibikenerwa by'ibanze by'isuku.
- Imiti igaragara mu mugereka B.

9.7.4 Mu gihe uburyo bwavuzwe haruguru budakemuye ikibazo, hakoreshwa uburyo bwumvikanyweho bwo kurwanya udukoko (urugero: gukoresha umwotsi) ariko bikitonderwa kandi bigakorwa mu buryo bukurikira:

- Kirazira gukoresha oxide ya etilene, methylbromide, phosphide ya alminium cyangwa imirasire;
- Ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimererebigomba kuvanwa ahantu hatewe imiti;
- Utera umuti agomba gukora ku buryo hatabaho guhumanya kandi agateganya n'uburyo bwo gusukura ibikoresho byaba byahumanyijwe;
- Igikorwa cyo gutera umuti kigomba kuba kiyobowe n'umuntu cyangwa ikigo cyabizobereyemo;
- Hagomba kubaho inyandiko ikubiyemo amakuru ajyanye n'ibikorwa byose byakozwe mu rwego rwo kurwanya udukoko ni ukuvuga amatariki, imiti yakoreshejwe ndetse n'ahantu byakorewe.

10. Ibirango

10.1 Ibintu bitaratunganywa cyangwa byatunganyijwe bifite ikirango "ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere" (organic agriculture) bigomba kuba bigizwe mu buremere, hatabariwemo amazi n'imyunyu iribwa, n'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere bitari munsi ya 95%. Ibindi bibigize bishobora kuba bidafite iyo miterere hakurikijwe ingingo z'ingenzi z'aya mabwiriza.

10.2 Ibintu bifite ikirango " bigizwe n'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere" (made with organic ingredients) bigomba kuba bigizwe mu buremere, hatabariwemo amazi n'imyunyu iribwa, n'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere bihwanye na 70%. Ibindi bibigize bishobora kuba bidafite iyo miterere hakurikijwe ingingo z'ingenzi z'aya mabwiriza.

10.3 Mu gihe ibintu bigizwe n'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere biri hasi ya 70%, ijambo *umwimerere (organic)* ryakwandikwa ahanditse ibigize ibintu cyangwa se hamwe n'ikintu kimwe mu bigize ibyo bintu.

10.4 Ibintu byose bigize igicuruzwa gikoze mu bintu byinshi bigomba kwandikwa ku gicuruzwa bigakurikiranywa uko birutanwa mu buremere, hakerekanwa kandi ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere n'ibitabukomokaho. Ibirungo byose byongewe mu gicuruzwa bigomba kwandikwa mu nyito zabyo zirambuye. Igihe ibirungo bifite ijanisha riri munsi ya 2% ry'uburemere bw'igicuruzwa, handikwa gusa izina ryabyo hatongeweho ijanisha bifite.

10.5 Izina ry'uwakoze ikintu ndetse n'aho abarizwa bigomba kwandikwa ku gikoresho icyo kintu gipfunyitsemo.

10.6 Ibirango byo ku kubintu bigomba gukurikiza amabwiriza ariho.

10.7 Ku birango by'ibintu hagomba kwandikwaho iyi nteruro "Cyakozwe hakurikijwe amabwiriza agenga ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere yo mu Muryango w'ibihugu by'Afurika y' i burasirazuba" (Produced according to the East Africa Organic Standard).

© EAC 2007 – Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi

Umugereka wa A

(Mu rwego rwo kumenyesha)

Amahame y' Urugaga Mpuzamahanga rw'amashyirahamwe aharanira ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere (IFOAM).

A.1 Intangiriro

Aya mahame ni nk'imizi ubuhinzi -mwimerere bushamikiyeho kandi bugakuriraho. Asobanura akamaro ubwo buhinzi bwagirira isi kandi akagaragaza intumbero yo kuvugurura ubuhinzi muri rusange.

Ubuhinzi ni kimwe mu bikorwa ubuzima bwa muntu bushingiyeho kuko buri wese akenera kurya buri munsi.Amateka, umuco ndetse n'imigenzo y'abantu batandukanye bishingira ku buhinzi. Aya mahame ajyanye n'ubuhinzi muri rusange, avuga ku buryo abantu bafata ubutaka, amazi, ibimera n'amatungo kugira ngo babone ibibatunga ndetse n'ibindi bakenera. Avuga kandi ku buryo abantu bakoresha ubutaka buhari, uko babana hagati yabo ndetse n'uko bategura umurage w'abazabakomokaho.

Amahame y'ubuhinzi budakoresha imiti mvaruganda afasha gusobanura imikorere yose itifashisha iriya miti. Ayobora IFOAM mu gushyiraho imirongo ngenderwaho, gahunda ndetse n'amabwiriza. Ikindi kandi akoze ku buryo bufite intumbero yo kunogera isi yose.
Ubuhinzi budakoresha imiti mvaruganda bushingiye ku :

- Ihame ry'ubuzima
- Ihame ryo kwita ku bidukikije
- Ihame ry'ukuri
- Ihame ryo kwita ku nshingano

Buri hame rigiye rifite ibisobanuro byaryo. Aya mahame kandi agomba gukurikizwa adatandukanyijwe. Wayagereranya n'umurongo ngenderwaho ugufasha gukora igikorwa runaka.

A.2 Ihame ry'ubuzima

Ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere bugomba gufata neza ndetse no guteza imbere ubuzima bw'ubutaka, ibimera, amatungo, abantu ndetse n'isi nta na kimwe kivuyemo. Iri hame rishimangira ko ubuzima bw'abantu utabutandukanya n'ubuzima bw'ibindi biri mu isi- ubutaka bumeze neza butanga umusaruro mwiza utuma abantu n'amatungo bigira ubuzima bwiza.

Ubuzima ni ishingiro ry'imibereho. Kugira ubuzima ntibivuga gusa kuba utarwaye ahubwo bivuga ko hariho imibereho myiza ku mubiri, mu mutwe, muri sosiyeti ndetse no mu bidukikije. Ubudahangarwa, guhangana n'indwara no kwisubira ni ibintu by'ingenzi biranga ubuzima.

Akamaro k'ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere, haba mu guhinga, gutunganya, gukwirakwiza ndetse no gukoresha ibicuruzwa runaka ni ako guteza imbere ubuzima bw'ibiremwa byose uhereye ku kiremwa gito mu butaka kugera ku muntu. By'umwihariko, ubu buhinzi bugamije kugera ku biribwa byiza birimo intungamubiri zihagije birinda ubuzima kandi bigatanga imibereho myiza. Kugira ngo ibi bigerweho ubu buhinzi ntibugomba gukoresha amafumbire mvaruganda, imiti irwanya udukoko, imiti y'amatungo ndetse n'ibirungo byagira ingaruka zitari nziza ku buzima**.**

A.3 Ihame ryo kwita ku bidukikije

Ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere bugomba gushingira ku rusobe n'imikurire by'ibidukikije, bugakorana nabyo, bukagerageza kwisanisha nabyo ndetse bugatuma bibaho neza.

Iri hame rigaragaza ko ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere budatandukanywa n'urusobe rw'ibidukikije, rivuga ko umusaruro ugomba kuba ushingiye ku buzima bw'ibidukikije. Kugira ngo abantu babone ibibatunga ndetse bagire n'imibereho myiza bituruka ku bidukikije. Urugero, ku bijyanye n'ibihingwa,

ibyo bidukikije ni ubutaka biteyemo; ku matungo ni indiribuzima y'aho yororerwa; naho ku mafi n'ibindi biba mu mazi ni ibidukikikije byo mu mazi.

Ubuhinzi, ubworozi ndetse no guhiga cyangwa gusoroma imbuto zo ku gasozi hadakoreshejwe imiti mvaruganda bigomba kujyana na imihindagurikire y'ibihe. Ibi bihe bimeze kimwe ku isi hose ariko imikorere yabyo yo ijyana n'ahantu runaka. Imicungire mu buryo budakoresha imiti mvaruganda igomba kujyana n'imiterere, ibidukikije n'umuco by'ahantu runaka. Igishoro kigomba kugabanywa hifashishijwe kongera gukoresha ibyakoreshejwe, kuvugurura ibyakoreshejejwe ndetse no gucunga neza ibikoresho n'ingufu hagamijwe kubungabunga ibidukikije ndetse no gucunga neza ubukungu bw'isi.

Kugira ngo ubuhinzi-mwimerere bujyane n'imihindagurikire y'ibihe hashyirwaho uburyo bwo guhinga, indiri no gufata neza urunyuranyurane rw'intangakamere z'ibihingwa. Abakora imirimo inyuranye nko guhinga, gutunganya, gucuruza ndetse no gukoresha ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi-mwimerere bagomba kurinda kandi bakanogerwa n'ibyiza biva ku bidukikije harimo ibisambu, ikirere, indiri, urusobe rw'ibinyabuzima, amazi ndetse n'umwuka.

A.4 Ihame ry'ukuri

Ubuhinzi-mwimerere bugomba gushingira ku gusaranganya mu gukoresha ibidukikije ndetse n'ibindi byiza byo mu buzima.

Gusaranganya birangwa no kureshya, ubwubahane, ubutabera n'uburyo bw'imicungire y'isi dusangiye haba hagati y'abantu ubwabo cyangwa hagati yabo n'ibindi biremwa bituye isi.

Iri hame rishimangira ko abantu bose barebwa n'ubuhinzi-mwimerere bagomba gukora ku buryo imibanire y'abantu irangwa n'uburinganire mu nzego zose abahinzi-borozi, abakozi, abatunganya ibicuruzwa, abakwirakwiza ibicuruzwa, ababicuruza ndetse n'ababigura. Ubuhinzi budakoresha imiti y'imivashimi bugomba guha buri wese uburyo bwo kugira ubuzima bwiza kandi bukagira uruhare mu kurinda ubusugire bw'ibiribwa ndetse no kurwanya ubukene. Ubu buhinzi kandi bugamije gutanga ibiribwa n'ibindi bintu bihagije haba mu bwiza no mu bwinshi.

Iri hame ritsindagira ko amatungo agomba guhabwa uburyo butuma abaho neza hakurikijwe imiterere n'imyitwarire yayo.

Ibintu bikomoka ku bidukikije cyangwa ku bukungu kamere bw'isi bikoreshwa mu gutegura no gukoresha ibicuruzwa bigomba gufatwa neza kandi bikabikwa ku buryo bizakoreshwa n'abazadukomokaho. Gusaranganya bisaba ko habaho uburyo bw'intabera bwo gukora, gukwirakwiza no gucuruza kandi bugendera ku bushobozi bw'abatuye isi.

A.5 Ihame ryo kwita ku nshingano

Ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere bugomba gukorwa bwitondewe hagamijwe kurengera ubuzima n'imibereho myiza y'abantu bariho ubu, abazabakomokaho ndetse n'ibidukikije.

Ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere ni uruhererekane rw'ibikorwa bihinduka kandi bifatika bigamije gukemura ibibazo byaba iby'imbere mu gihugu cyangwa no hanze yacyo. Abakora ubu buhinzi bashobora kunoza imikorere yabo bakanongera umusaruro, ariko ibi ntibigomba kuba intandaro yo kubangamira ubuzima n'imibereho myiza. Niyo mpamvu ikoranabuhanga rishya rigomba gusuzumanwa ubwitonzi ndestse n'uburyo busanzwe bukoreshwa bugasubirwamo. Bitewe n'imyumvire idahagije ku bijyanye n'indiribuzima n'ubuhinzi, hagomba gufatwa ingamba zo kubyitwararika.

Iri hame ryerekana ko kwitwararika no kwita ku nshingano ari inkingi y'ingenzi mu mitunganyirize, iterambere n'ikoranabuhanga mu buhinzi n'ubworozi-mwimerere. Ubumenyi ni ngombwa kugira ngo ubu buhinzi bukorwe mu buryo butabangamiye ubuzima bw'ibidukikije.

© EAC 2007 – Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi

Icyakora ubumenyi gusa ntibuhagije. Byaragaragaye ko uburambe mu kazi, ubuhanga ndetse n'ubumenyi gakondo ari ingirakamaro. Ubuhinzi n'ubworozi-mwimerere bugomba kurinda ingaruka hakoreshwa ikoranabuhanga rijyanye n'igihe na ho ibitajyanye n'igihe nko guhindura intangakamere bikazibukirwa. Ibyemezo bigomba gufatwa no gushyirwa mu bikorwa biciye mu mucyo kandi uwo bireba wese abigizemo uruhare kandi hitawe ku gaciro n'ibyifuzo by'abo byagiraho ingaruka bose.

Umugereka wa B

(Mu rwego rwo kumenyesha)

Urutonde rw'ibintu bishobora gukoreshwa mu buhinzi n'ubworozi-mwimerere
[Ingingo ya 5.6, 5.7, n'iya 9.7]

Ikigaragara kuri uru rutonde ni nk'ingero z'ibyakoreshwa muri ubu buhinzi ni ukuvuga ko hari ibindi bishobora gukoreshwa hakurikijwe aya mabwiriza igihe byubahiriza ibisabwa mu mahame remezo ya IFOAM cyangwa CAC/GL32.

Imbonerahamwe B.1- Amafumbire n'ibibungabunga ubutaka

Imiterere n'ibigizeburi kintu	**Ibisabwa mu ikoreshwa**
i) Ibikomoka ku bihingwa no ku nyamaswa	
Ifumbire ikomoka ku buhinzi, ku isayo no ku maganga	
Guano	
Imyanda inyuranye ikomoka ku muntu n'indi ikomoka ku bintu bitandukanye ishobora kwanduza	-Ntigomba gushyirwa ku bice bishobora kuribwa. -Ntigomba gukoreshwa byibuze ibyumweru bitandatu mbere y'isarura.
Imiti yica udukoko	
Ibiribwa bikomoka ku maraso, inyama, amagufa, ibikomoka ku magufa	
Ibiribwa bikomoka mu kinono n'amahembe, igikoba, ifi n'ibiyikomokaho, ubudodo bukoze mu bwoya bw'intama, uruhu rw'ibyoya binetereye, umusatsi, ibikomoka ku mata.	
Ibintu bishobora kubora bikomoka ku bimera cyangwa ku nyamaswa (ingero: ibisigazwa by'ibiryo, ibyatsi, ibinyamavuta, ibikatsi byo mu rwengero, ibisigazwa byo mu nganda z'imyenda).	
Ibisigazwa by'ibihingwa n'ibimera, imboga, ibyatsi bikoreshwa mu gusasira, ifumbire iva ku bimera, ibihingwa bitwikira ubutaka (ibinyamisogwe, nka lablab na mucuna), isaso.	
Ibiti, ibishishwa, ibarizo, ibikomoka ku gukonera ishyamba, ivu ry'inkwi, amakara	
Amarebe n'ibiyakomokaho	
Nyiramugengeri(irabujijwe kubera impamvu zo gufata neza ubutaka)	Aha ntiharimo ibyongerwa mu butaka byakorewe mu nganda; keretse gusa kuyivanga mu bikorwa mu ibumba
Gutegura ingemwe z'ibimera	
Ikimoteri kigizwe n'ibintu bitandukanye birondowe kuri uyu mugereka, imyanda ikomoka ku bisigazwa by'ibihumyo, ubuhehere bukomoka ku minyorogoto n'udukoko, imyanda	

yo mu mijyi ikomoka ahantu hatandukanye ishobora kwanduza	
ii) ibikomoka ku mabuye y'agaciro	
Ibisigazwa bikomoka ku itunganywa ry'ubutare mu nganda bikoreshwa nk'ifumbire	
Itunganywa ry'igishonyi na manyeziyumu	
Ingugu y'ishwagara, ibuye bita gypse rikoreshwa mu gukora sima, amabuye arimo ibumba akoreshwa mu kugabanya ubusharirire bw'ubutaka, ubwoko bw'amabuye yoroshye akoreshwa mu kuvugurura ubutaka, ingwa, ishwagara ikoreshwa mu gukora isukari ya beterave, koloride ya kalisiyumu	
Urutare rwa manyeziyumu**,** kieserite n'umunyu wa Epsom(silifate ya manyeziyumu)	
Potasiyumu icukurwa mu butaka(urugero: silifate ya potase, miriyate ya potase, kayinite, silivanite, pantentikali**)**	Igomba gushakishwa hakoreshejwe uburyo bwa fizike kandi hatongewemo ibinyashimi
Fosifate kamere	
Urutare ruvunguka, amabuye yifashishwa mu gutegura ibiribwa	
Ibumba (ingero: bentonite, peritite, verimikulite, zolite)	
Ibinyamyunyu (koloride ya sodiyumu)	
Imyunyungungu n'intungamubiri ntoya	
Sufure	
iii) Ibyerekeye ibinyabuzima bito cyane	
Ibintu bishobora kubora bikomoka ku binyabuzima(urugero: ikomoka mu rwengero)	
Mu itegura ry'ibikomoka ku binyabuzima hashingiwe ku binyabuzima bizwi ku buryo bwa gakondo	Itegurwa ry'utunyabuzima duto hifashihijwe ibinyabuzima kamere
iv) Ibindi	
Imitegurire y'imikurire y'ibinyabuzima	
Linyosilifonate ya kalisiyumu	

Imbonerahamwe B.2-Ibirinda indwara ibihingwa n'ibituma bikura neza

Imiterere n'ibisabwa bigize ikintu	**Ibisabwa mu ikoreshwa**
i) Ibikomoka ku bihingwa no ku nyamaswa	
Gutegura ibinyamarebe	
Gutegura ibikomoka ku nyamaswa n'amavuta	
Ibishashara by'inzuki	
Shitini nematiside kamere	
Imirima ya kawa	
Agace k'intete z'ikigori kagizwe na poroteyine karibwa(kagabanya ubusharire)	
Ibikomoka ku mata(ingero: amata, kazeyini)	
Ubwoko bwa poroteyine bita gelatine	
Ikinyamavuta kigizwe n'uruvange rwa fosifore bita lesitine	
Aside kamere(urugero:vinegere)	
Neem(Azadirachta indica)	

Ibimera bitanga amavuta(urugero: amavuta ya kasitoru)	
Itunganywa ry'ibimera, ibiti by'icyatsi(ingero: chilli, tithonia(Africa sunflower), nyiramunukanabi (tagetes sp.), Mexican marigold)	
Imiti ifasha mu kuvumbura udukoko ikozwe mu bimera	
Ubukozo inzuki zikoresha mu kudanangira imizinga yazo	
Ibireti (Chrysanthenum cinerariefolium)	Kirazira gukoresha piperoyl ya butoxide
Umunyinya(quassia amara)	
Rotenone (derris elliptica, Lonchocarpus spp.,Thephrosia	Ubushakashatsi bwagaragaje ko rotenone ifite aho ihuriye n'indwara y'itititimira, bityo igomba gukoreshwa inshuro nke zishoboka kandi ku buryo bwitondewe
Ryania (Ryania speciosa)	
Sabadilla	
Amarebe n'ibiyakomokaho	
Itabi (birabujijwe gukoresha nikotine itavangiye)	
ii) ibikomoka ku mabuye y'agaciro	
Koloride y'ishwagara	
Ibumba (ingero:ibumba rifite ubushobozi bwo gucengerwa no gucuyura bita bentonite, perlite, amabuye akoze nk'iminyorogoto bita verimikulite, zolite)	
Imyunyu y'umuringa(ingero: silifate, idorogiside, ogisikoloride, ogitanowate	Igipimo cyo hejuru ni kg 8 kuri hegitari ku mwaka (ugereranyije)
Ubutaka bw'igishonyi	
Amavuta yoroshye acukurwa mu butaka(paraffin)	
Sufure y'ishwagara(polisilifide ya kalisiyumu)	
Bikarubonate ya potasiyumu	
Perimanganate ya potasiyumu	
Ishwagara yera cyane	
Silicate(urugero: silicate ya sodiyumu,	
Bikarubonate ya sodiyumu	
Sufure	
iii) Ibyerekeye ibinyabuzima bito cyane	
Gutegura ibiyege	
Gutegura za bagiteri	
Kureka indiririzi, utunyabuzima turya utundi n'udukoko bitanduye bikiyongera	
Gutegura amavirusi	
iv) Ibindi	
Gutegura imikurire y'ibinyabuzima	
Idorogiside ya kalisiyumu	
Diyogiside ya karuboni	
Alukolu ya etile	
Gutegura homeopathic na ayurvedic	
Fosifate y'ubutare ikoreshwa nk'umuri wica ibijonjogoro	
Umunyu w'ingezi n'amazi arimo umunyu	

Soda	
Isabune yoroshye	
Diyogiside ya sufure	
v) Imitego, bariyeri n'imiti ivumbura udukoko	
Uburyo bwa fiziki (imitego ikoresha amabara, imitego y'imishibuka, utumashu, …)	
Isaso, inshundura	
Pheromone (mu mitego)	

Umugereka wa C

(Mu rwego rwo kumenyekanisha)

Urutonde rw'ibintu kamere bitagomba gukoreshwa mu buhinzi n'ubworozi-mwimerere

Uru rutonde ruriho ibintu bibujijwe kamere bitagomba gukoreshwa mu kubyaza umusaruro ibihingwa by'umwimerere byemewe n'aya mabwiriza.

Imiterere n'ibigize buri kintu	**Ibisabwa mu ikoreshwa**
Nicotine y'umwimerere	Tobacco tea yo ntibujijwe; cyakora hagomba gufatwa ingamba nyazo kugira ngo idahura n'umubiri
Chilean nitrate	Chilean nitarate (nitarate ya sodiyumu) ntishobora gukoreshwa mu mirima izwiho kudakoresha imiti n'amafumbire mvaruganda kuko ibamo sodiyumu yakwangiza ibihingwa uko igenda yiyongera.

Umugereka wa D

(Mu rwego rwo kumenyekanisha)

Urutonde rw'ibyongerwa n'ibyifashishwa mu gutunganya ibikomoka ku buhinzi-mwimerere

(Reba ingingo ya 9.4)

Ibigaragara kuri uru rutonde ni urugero rw'ibyakoreshwa muri ubu buhinzi, ni ukuvuga ko hari ibindi bishobora gukoreshwa hakurikijwe aya mabwiriza igihe byubahiriza ibisabwa mu mahame remezo ya IFOAM cyangwa CAC/GL32.

Nimero zikoreshwa mu rwego mpuzamahanga	**Ibikomoka kuri ubwo buhinzi**	**Ibyongerwamo**	**Ibyifashishwa**	**Icyitonderwa**
INS153	Ivu	X		Foromaje gakondo
INS 170	Karubonate ya kalisiyumu	x	X	
INS181	Tannin		X	ikoreshwa gusa muri divayi
INS184	Aside tanike		X	Yifashishwa mu kuyungurura divayi
INS220	Diyoguside ya sufure	x		ikoreshwa gusa muri divayi

INS224	Metabisulufite ya potasiyumu	x		ikoreshwa gusa muri divayi
INS270	Aside lagitike	x	X	
INS290	Diyoguside ya karubone	x	X	
INS296	Aside l-malike	x	X	
INS300	Aside asikorubike	x		
INS306	Imvange kamere ya tokoferolu idafunguye	x		
INS322	Lesitine	x	x	
INS330	Aside sitirike	x	x	
INS331	Sitarate ya sodiyumu	x		
INS332	Sitarate ya potasiyumu	x		
INS333	Sitarate ya kalisiyumu	x		
INS334	Aside taritarike n'imyunyu	x	x	ikoreshwa gusa muri divayi
INS335	Taritarate ya sodiyumu	x	x	
INS336	Taritarate ya potasiyumu	x	x	
INS341	Fosifate ya mono kalisiyumu	x		Ikoreshwa gusa nk'ikinyamisemburo mu ifu
INS342	Fosifate ya amoniyumu	x		Ntigomba kurenga 0,3 gm muri litiro ya divayi
INS400	Aside alijinike	x		
INS401	Alijinate ya sodiyumu	x		
INS402	Alijinate ya potasiyumu	x		
INS406	Jeloze	x		
INS407	Karagenani	x		
INS410	Igoma ya karube	x		
INS412	Igoma ya guar	x		
INS413	Igoma ya tragakanth	x		
INS414	Igoma yo muri Arabiya	x		Ikoreshwa gusa ku bikomoka ku mata, ku binyabinure, mu gukora komfitire, amabombo, amagi
INS415	Igoma ya Xanthan	x		Ikoreshwa gusa ku bikomoka ku binyabinure, ku mbuto, ku mboga, keke n'ibisuguti
INS416	Igoma ya Karaya	x		

INS440	Pegitine	x		Ntibihinduka
INS500	Karubonate za sodiyumu	x	x	
INS501	karubonate ya potasiyumu	x	x	
INS503	Karubonate za amoniyumu	x		Ikoreshwa gusa ku bikomoka ku binyampeke, muri komfitire, keke n'ibisuguti
INS504	karubonate za manyeziyumu	x		
INS508	Koloride ya potasiyumu	x	x	
INS509	Koloride ya kalisiyumu	x	x	
INS511	Koloride ya manyeziyumu		x	Ikoreshwa gusa ku bikomoka kuri soya
INS513	Aside silifirike	x		Ikoreshwa mu kuringaniza igipimo cya PH y'amazi mu ikorwa ry'isukari
INS516	Silifate ya kalisiyumu	x		Ikoreshwa mu bikomoka kuri soya, muri komfitire no mu misemburo y'imigati
INS517	Silifate ya aminiyumu	x		Ikoreshwa gusa muri divayi kandi ntirenza 0,3 mg kuri buri litiro
INS524	Idoroguside ya sodiyumu	x	x	Ikoreshwa mu gutunganya isukari no mu gusigwa ku migati
INS525	Idoroguside ya potasiyumu		x	Ikoreshwa mu kuringaniza PH mu itunganywa ry'isukari
INS526	Idoroguside ya kalisiyumu	x	x	Inyunganirandyo ku kiribwa cy'ibigori no mu ifu yacyo ikanifashishwa mu gutunganya isukari
INS551	Diyoguside ya silikone (amorphe)		x	Ikoreshwa mu gutunganya divayi, imbuto n'imboga
INS553	Talike		x	
INS901	Ibishashara by'inzuki		x	
INS903	Ubukozo bwa karinoba		x	
INS938	Argon	x		
INS941	Azote	x	x	
INS948	Ogusijene	x	x	
	Karubone yakarihishijwe		x	
	Bentonite		x	Ikoreshwa gusa ku bikomok ku mbuto no ku mboga
	Kazeyini		x	Ikoreshwa gusa kuri

				divayi
	Itaka ry'igishonyi		x	Rikoreshwa gusa mu guha ibinyobwa icyanga kiryohereye no kuri divayi
	Umweru w'igi		x	Ukoreshwa gusa kuri divayi
	Etanolu		x	
	Jelatine		x	Ikoreshwa gusa kuri divayi, mu mbuto no mu mboga
	Ikijonjoro cya nuwazete		x	
	Jelatine		x	Ikoreshwa gusa kuri divayi
	Ingwa			
	Perilite		x	
	Gutegura ibishishwa		x	
	Amavuta y'ubuto		x	Amavuta atera guhehera no kuruhuka
	Amazi		x	